**REPUBLIKA Y' U RWANDA** **RP 00093/2020/TGI/RSZ**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00014/2020/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 15 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe **DUSABIMANA Sylvere,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **IBYIMANISHAKA Olivier,** icyaha cyo Gusambanya umwana, giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 4 y'itegeko N° 69/2019 ryo kuwa 08 /11/2019 rihindura Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange. Ikirego kikaba cyaranditswe kuri n° RP 00093/2020/TGI/RSZ;

Tumaze kubona ko uwitwa IBYIMANISHAKA Olivier mwene SINZABAKWIRA Silas na UGAYUMUKOBWA Leoncie wavukiye mu Mudugudu wa Nyamutarama, Akagali ka Rusayo, Umurenge wa Gashonga, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba, aho aherereye hakaba hatazwi kugeza ubu. Ubu akurikiranwe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe Ubutabera, kandi akaba ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **IBYIMANISHAKA Olivier** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **15/12/2020** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa kurubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**DUSABIMANA Sylvere**
**UMUCAMANZA**

**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**
**UMWANDITSI**